ISCID asbl
Institut Seth Sendashonga pour la Citoyenneté Démocratique

**Itangazo rigenewe abanyamakuru**

## "PEREZIDA KAGAME ARIMO GUTSINDWA INTAMBARA Y'IMYAKA 30 YASHOYE MU BURASIRAZUBA BWA KONGO"

Muri iyi mpera y'umwaka wa 2025 waranzwe n'ingaruka z'intambara u Rwanda rukomeje gushoza mu burasirazuba bwa Repuburika ya Demokarasi ya Kongo, Ikigo kitiriwe Nyakwigendera Seth Sendashonga (Institut Seth Sendashonga pour la citoyenneté démocratique, ISCID asbl) kirageza ku banyarwanda no ku nshuti z'u Rwanda ubutumwa bukurikira:

1) Amasezerano y'amahoro hagati y'u Rwanda na Repuburika ya Demokarasi ya Kongo yasinyiwe i Washington tariki ya 27 Kamena 2025, akemezwa burundu tariki ya 4 Ukuboza 2025 ubwo abakuru b'ibihugu byombi, Paul Kagame na Félix Antoine Tshisekedi Tshilombo, bayashyiragaho umukono imbere ya perezida wa leta zunze ubumwe z'Amerika, Donald Trump, ni intambwe ikomeye mu nzira yo kugarura amahoro mu karere k'ibiyaga bigari. Institut Seth Sendashonga irashimira perezida Donald Trump uruhare rukomeye yabigizemo ndetse n'icyizere atanga cy'uko igihugu cy'igihangange ayobora kizakomeza gushyira igitutu ku basinye ayo masezerano kugirango ashyirwe mu bikorwa.

2) Birakwiye kwibutsa ko iyo ntambara imaze hafi imyaka 30, ikaba yarahitanye abavandimwe bacu ba Kongo babarirwa muri za miliyoni zigera ku 10, ikaba kandi yarakuye mu byabo izindi miliyoni nyinshi z'abaturage, ikorerwamo n'andi marorerwa akomeye. Iyo ntambnara yaguyemo n'abanyarwanda benshi, cyane cyane nyuma y'isenywa ry'inkambi z'impunzi mu w'1996. Raporo y'impuguke za LONI yiswe MAPPING REPORT ivuga ko impunzi z'abahutu ziciwe mu mashyamba ya Kongo zikabakaba 250.000. Ndetse iyo raporo ivuga ko hagiyeho urukiko rushinzwe gukurikirana iby'ubwo bwicanyi ababukoze bashobora gushinjwa icyaha cya jenoside. Institut Seth Sendashonga yishimiye ko amasezerano ya Washington ateganya ishyirwaho ry'urwo rukiko. Tuributsa kandi ko, uretse abaturage b'inzirakarengane, iyi ntambara yahitanye abasirikare benshi, ku mpande zombi, ndetse yahitanye na bamwe mu ngabo z'amahanga zaje gutabara haba mu rwego rwa MONUSCO, muri EAC no muri SADC.

3) Ubutegetsi bwa Perezida Paul Kagame bwakoresheje intambara mu burasirazuba bwa Kongo nk'uburyo bwo kongera ingufu zabwo kuko iyo ntambara yafashaga mu busahuzi bw'amabuye y'agaciro akenerwa cyane muri iki gihe. Byageze n'aho u Rwanda rufata umwanya wa mbere ku isi mu gushyira ku isoko ayo mabuye y'agaciro, bituma amahanga yose atangarira umuvuduko w'ubukungu bw'u Rwanda. Perezida Kagame yabigendeyeho cyane, benshi bamufata nk'umuyobozi w'ikitegererezo. Iyi niyo mpamvu nyamukuru yatumye akore ibishoboka byose kugirango intambara mu burasirazuba bwa kongo itarangira. Twibutse ko imitwe y'inyeshyamba yagiye ifata amazina anyuranye, nka AFDL, RCD Goma, CNDP, M23 cyangwa AFC/M23, yose yabaga ikoreshwa kandi iterwa inkunga na leta ya Kigali.

4) Kuba Perezida Félix Antoine Tshisekedi Tshilombo yarabashije gushyira imbere ikibazo cy'ubusugire bw'igihugu cye akoresheje inzira za «diplomatie» ndetse amahanga akamushyigikira ari nabyo byatumye akanama ka LONI gashinzwe amahoro ku isi gafata umwanzuro 2773 utegeka u Rwanda gukura ingabo zarwo muri Kongo, amasezerano y'amahoro y'i Washington nayo akawushimangira, ni impinduka ikomeye yatanze ikizere cy'uko ingufu z'igisirikare cyonyine atari kamara. Ibyo byambuye Kagame ububasha yihaga bwo kuvogera ubusugire bw'ikindi gihugu, agacuruza n'umutungo wacyo. Niyo mpamvu agaragara nk'umuntu wahungabanye, akaba adahisha ko ibyo asabwa muri ariya masezerano yashyizeho umukono, kubikora cyangwa kutabikora byombi ari urupfu kuri we.

5) Institut Seth Sendashonga isanga kugirango amahoro arambye agaruke mu karere k'ibiyaga bigari hakwiye kubaho impinduka mu buyobozi bw'u Rwanda, hakajyaho ubutegetsi bushya, bufite icyerekezo gishya cyo kubana neza n'abaturanyi, ubutegetsi bwubahiriza amahame ya demokarasi n'uburenganzira bw'ikiremwamuntu. Icyo cyerekezo cy'ubutegetsi bushya nicyo cyaba inkingi yo kwimika urujya n'uruza rw'abaturage mu karere, guhahirana hagati y'ibihugu duhana imbibi ndetse no gukemura ikibazo cy'impunzi. Naho ubundi Perezida Paul Kagame n'abambari be bamaze imyaka 30 bica, basahura, bayogoza akarere, nta nyungu bafite mu kubahiriza amasezerano abasaba guhagarika intambara yari

ibafatiye runini.

6) Institut Seth Sendashonga irihanganisha abantu bose bagizweho ingaruka n'intambara muri iyi myaka 30 ishize. Ku buryo bw'umwihariko turazirikana abavandimwe bacu ba Repuburika ya Demokarasi ya Kongo ndetse n'abanyarwanda benshi iyi nntambara yahekuye, abandi ikabapfakaza cyangwa ikabagira imfubyi. Twunamiye abasirikare benshi b'ibihugu binyuranye baguye muri iyi ntambara y'urukozasoni. Turazirikana n'abaturage benshi bagizweho ingaruka n'ibihano by'ubukungu ibihugu bimwe byafatiye leta y'u Rwanda kugirango ikure ingabo zayo muri Kongo. Hari impamvu nyinshi zo kwizera ko amahoro ari hafi kugaruka, ibintu bikongera gusubira mu buryo.

Institut Seth Sendashonga iboneyeho umwanya wo kubifuriza mwese Noheli nziza n'umunsi mwiza w'ubunani.
Umwaka wa 2026 uzabe uw'amata n'ubuki.

Bikorewe i Buruseli, tariki ya 24/12/2025

Jean-Claude Kabagema

Perezida wa ISCID asbl

